A UWASHYIZEHO AMATEGEKO

- ❖ Mu gihuru cyakamo umuriro, From the burning bush, Imana yabwiye Mose ko yabonye kubabara k'ubwoko bwayo kandi ikumva gutaka kwabo (umurongo 7).
- ❖ Imana yatumye Mose gukura Abisirayeli muri Egiputa (umur. 10). Ntibagombaga kuva muri Egiputa imbokoboko. Egiputa yagombaga kwishyura Abisirayeli imirimo yose bari barakoze nk'inkoreragahato (umur. 21).
- ❖ Mu rugendo rujya i Kanani, Imana yahinduriye ubu bwoko bwari inkoreragahato kuba ishyanga. Bahawe amategeko atunganye yagombaga kubera isi yose umugisha.

B AMATEGEKO CUMI

- ❖ Amategeko Cumi yari itegekonshinga ry'ubwoko bwa Isirayeli. Yari amategeko y'ikirenga, akomokwaho n'andi mategeko yose.
- ❖ Gusohoza Amategeko ni ikimenyetso cy'uburyo dukunda Imana (amategeko 4 abanza; Guteg. 6:5; Mat. 22:37-38) na bagenzi bacu (amategeko 6 aheruka; Abalewi 19:18; Mat. 22:39).
- ❖ Tugomba gusohoza Amategeko haba mu bikorwa ndetse no mu migambi yacu (Mat. 5:21-30).

C AMATEGEKO ARINDA

- ❖ Hari ibice bitatu (21-23) mu Kuva birebana n'amoko y'amategeko:
  - — Amategeko ajyanye n'imbata (21:2-11)
  - — Amategeko ajyanye n'ibyaha by'urugomo (21:12-36)
  - — Amategeko ajyanye n'umutungo (22:1-15)
  - — Amategeko y'ubuzima bwa buri munsi (22:16-31)
  - — Uko ayo mategeko agomba gukoreshwa (23:1-9)
- ❖ Kwita ku banyantege nke (imbata, abasuhuke, abapfakazi n'impfubyi) ni rwo rufunguzo rw'aya mategeko.

D ICYACUMI CY'UBUGIRA KABIRI

- ❖ Gutegeka 14:22-29 hasobanura ko Abisirayeli bagombaga gutanga icya cumi cy'ubugira kabiri, cyari gifite umugambi utandukanye n'uw'icya cumi cya mbere.
- ❖ Mu gihe cy'imyaka ibiri, iki cya cumi cy'ubugira kabiri cyajyanwaga i Yerusalemu. Baryaga umugabane wacyo mu muryango ndetse bakagisangira n'abakennye. Ku mwaka wa gatatu, iki cya cumi kidasanzwe cyansangizwaga ku bakennye "bo mu baturanyi" muri buri murwa.

E UMWAKA WA YUBILE

- ❖ Umwaka wa Yubile wari umwaka wo gusubiza ubutaka. Buri wese yasubiranaga gakondo ye mu mwaka wa Yubile.
- ❖ Muri ubu buryo, nta muntu wari kurundanya ibikingi. Byongeye kandi, umuryango ntiwatakazaga gakondo yabo—ibyo kubatunga—burundu.
- ❖ Kubera icyaha, abakene hahoraho (Matayo 26:11). Umwaka wa Yubile cyari igisubizo Imana yatanze cyo gukumira ubusumbane mu bantu.